

<p>ITEGEKO N° 40/2017 RYO KU WA 16/08/2017 RISHYIRAHO INAMA Y'IGIHUGU Y'UBUMENYI N'IKORANABUHANGA RIKANAGENA INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYAYO</p>	<p>LAW N° 40/2017 OF 16/08/2017 ESTABLISHING THE NATIONAL COUNCIL FOR SCIENCE AND TECHNOLOGY AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING</p>	<p>LOI N° 40/2017 DU 16/08/2017 PORTANT CREATION DU CONSEIL NATIONAL DE LA SCIENCE ET DE LA TECHNOLOGIE ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIERES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO</u> <u>RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL</u> <u>PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS</u> <u>GENERALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p>	<p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Icyicaró cya NCST</u></p>	<p><u>Article 2: Head office of NCST</u></p>	<p><u>Article 2: Siège de NCST</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure</u> <u>bya NCST</u></p>	<p><u>Article 3: Legal personality and autonomy</u> <u>of NCST</u></p>	<p><u>Article 3: Personnalité juridique et</u> <u>autonomie de NCST</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Intego ya NCST</u></p>	<p><u>Article 4: Mission of NCST</u></p>	<p><u>Article 4: Mission de NCST</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: URWEGO RUREBERERA</u> <u>NCST N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: SUPERVISING</u> <u>AUTHORITY OF NCST AND</u> <u>PERFORMANCE CONTRACT</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: AUTORITE DE TUTELLE</u> <u>DE NCST ET CONTRAT DE</u> <u>PERFORMANCE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Urwego rureberera NCST</u></p>	<p><u>Article 5: Supervising authority of NCST</u></p>	<p><u>Article 5: Autorité de tutelle de NCST</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Amasezerano y'imihigo</u></p>	<p><u>Article 6: Performance contract</u></p>	<p><u>Article 6 : Contrat de performance</u></p>
<p><u>UMUTWE WA III: INSHINGANO ZA NCST</u></p>	<p><u>CHAPTER III: RESPONSIBILITIES OF</u> <u>NCST</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS DE</u> <u>NCST</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Inshingano za NCST</u></p>	<p><u>Article 7: Responsibilities of NCST</u></p>	<p><u>Article 7: Attributions de NCST</u></p>

<p>UMUTWE WA IV: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA NCST</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Inzego z'Ubuyobozi za NCST</p> <p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Abajyanama</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inama y'Abajyanama ya NCST</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'Inama y'Abajyanama</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano za ba Perezida b'Inama y'Abajyanama</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Abajyanama</p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Abajyanama</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Itumira mu nama z'Inama y'Abajyanama ry'umuntu ushobora kuyungura inama</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Umwanditsi w'Inama y'Abajyanama</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Inyungu bwite ku kibazo gisuzumwa</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Ibigererwa abagize Inama y'Abajyanama bitabiriye inama</p>	<p>CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF NCST</p> <p><u>Article 8:</u> Management Organs of NCST</p> <p><u>Section One:</u> Council</p> <p><u>Article 9:</u> Members of the Council of NCST</p> <p><u>Article 10:</u> Responsibilities of the Council</p> <p><u>Article 11:</u> Responsibilities of Co-Chairpersons of the Council</p> <p><u>Article 12:</u> Incompatibilities with membership of the Council</p> <p><u>Article 13:</u> Convening and holding of meetings of the Council</p> <p><u>Article 14:</u> Inviting a resource person to the Council's meetings</p> <p><u>Article 15:</u> Rapporteur of the Council</p> <p><u>Article 16:</u> Personal interest in an issue on the agenda</p> <p><u>Article 17:</u> Sitting allowances for members of the Council</p>	<p>CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NCST</p> <p><u>Article 8:</u> Organes de direction de NCST</p> <p><u>Section première:</u> Le Conseil</p> <p><u>Article 9:</u> Membres du Conseil de NCST</p> <p><u>Article 10:</u> Attributions du Conseil</p> <p><u>Article 11 :</u> Attributions des Présidents du Conseil</p> <p><u>Article 12:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil</p> <p><u>Article 13:</u> Convocation et tenue des réunions du Conseil</p> <p><u>Article 14 :</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil</p> <p><u>Article 15 :</u> Rapporteur du Conseil</p> <p><u>Article 16:</u> Intérêt personnel dans un point à l'ordre du jour</p> <p><u>Article 17:</u> Jetons de présence des membres du Conseil</p>
---	---	--

<p>Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</p>	<p>Section 2: Executive Secretariat</p>	<p>Section 2: Secrétariat Exécutif</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa NCST</p>	<p><u>Article 18:</u> Members of the Executive Secretariat of NCST</p>	<p><u>Article 18:</u> Membres du Secrétariat Exécutif de NCST</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Inshingano z’Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</p>	<p><u>Article 19:</u> Responsibilities of the Executive Secretariat</p>	<p><u>Article 19:</u> Attributions du Secrétariat Exécutif</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Inshingano z’Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST</p>	<p><u>Article 20:</u> Responsibilities of the Executive Secretary of NCST</p>	<p><u>Article 20:</u> Attributions du Secrétaire Exécutif de NCST</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Sitati igenga abakozi ba NCST</p>	<p><u>Article 21:</u> Statute governing the staff of NCST</p>	<p><u>Article 21:</u> Statut du personnel de NCST</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Umushahara n’ibindi bigenerwa abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</p>	<p><u>Article 22:</u> Salary and fringe benefits of the staff of the Executive Secretariat</p>	<p><u>Article 22</u> Salaire et avantages accordés au personnel du Secrétariat Exécutif</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo ya NCST</p>	<p><u>Article 23:</u> Organisational chart of NCST</p>	<p><u>Article 23:</u> Cadre organique de NCST</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u> Gahunda na raporo by’ibikorwa bya NCST</p>	<p><u>Article 24:</u> Action plan and activity report of NCST</p>	<p><u>Article 24:</u> Plan d’action et rapport d’activités de NCST</p>
<p><u>Ingingo ya 25:</u> Imikoranyire ya NCST n’izindi Nzego</p>	<p><u>Article 25:</u> Relationship between NCST and other organs</p>	<p><u>Article 25:</u> Relations entre NCST et d’autres organes</p>
<p><u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO N’IMARI BYA NCST</u></p>	<p><u>CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF NCST</u></p>	<p><u>CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCE DE NCST</u></p>
<p><u>Ingingo ya 26:</u> Umutungo wa NCST n’inkomoko yawo</p>	<p><u>Article 26:</u> Property of NCST and its sources</p>	<p><u>Article 26:</u> Patrimoine de NCST et ses sources</p>

<p><u>Ingingo</u> ya <u>27</u>: Iyemezwa ry'imbanzirizamushinga y'ingingo y'Imari ya NCST</p>	<p><u>Article 27</u>: Approval of the draft budget proposal of NCST</p>	<p><u>Article 27</u>: Adoption de l'avant projet de budget de NCST</p>
<p><u>Ingingo</u> ya <u>28</u>: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NCST</p>	<p><u>Article 28</u>: Use, management and audit of the property of NCST</p>	<p><u>Article 28</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de NCST</p>
<p><u>Ingingo</u> ya <u>29</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari</p>	<p><u>Article 29</u>: Annual financial report</p>	<p><u>Article 29</u>: Rapport annuel financier</p>
<p><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo</u> ya <u>30</u>: Agaciro k'ibyakozwe</p>	<p><u>Article 30</u>: Validity of undertaken actions</p>	<p><u>Article 30</u> : Validité des actes posés</p>
<p><u>Ingingo</u> ya <u>31</u>: Kwegurirwa abakozi</p>	<p><u>Article 31</u>: Transfer of staff members</p>	<p><u>Article 31</u>: Transfert du personnel</p>
<p><u>Ingingo</u> ya <u>32</u>: Kwegurirwa umutungo n'amasezerano</p>	<p><u>Article 32</u>: Transfer of property and contracts</p>	<p><u>Article 32</u>: Transfert du patrimoine et de contrats</p>
<p><u>Ingingo</u> ya <u>33</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p>	<p><u>Article 33</u>: Drafting, consideration and adoption of this law</p>	<p><u>Article 33</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi</p>
<p><u>Ingingo</u> ya <u>34</u>: Ivanwaho ry'Itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</p>	<p><u>Article 34</u>: Repealing provision</p>	<p><u>Article 34</u>: Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo</u> ya <u>35</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 35</u>: Commencement</p>	<p><u>Article 35</u>: Entrée en vigueur</p>

<p>ITEGEKO N° 40/2017 RYO KU WA 16/08/2017 RISHYIRAHO INAMA Y'IGIHUGU Y'UBUMENYI N'IKORANABUHANGA RIKANAGENA INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYAYO</p>	<p>LAW N° 40/2017 OF 16/08/2017 ESTABLISHING THE NATIONAL COUNCIL FOR SCIENCE AND TECHNOLOGY AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING</p>	<p>LOI N° 40/2017 DU 16/08/2017 PORTANT CREATION DU CONSEIL NATIONAL DE LA SCIENCE ET DE LA TECHNOLOGIE ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT</p>
<p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p>	<p>We, KAGwAME Paul, President of the Republic;</p>	<p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p>
<p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p>	<p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p>	<p>LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA</p>
<p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p>	<p>THE PARLIAMENT:</p>	<p>LE PARLEMENT:</p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Kamena 2017;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its session of 29 June 2017;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 29 juin 2017;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 et 176;</p>
<p>Isubiye ku Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga rikanagena</p>	<p>Having reviewed Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology and determining its mission, organization and</p>	<p>Revu la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie et déterminant sa mission, son</p>

<p>inshingano, imiterere n'imikorere byayo nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;</p> <p>YEMEJE:</p> <p>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p> <p>Iri tegeko rishyiraho Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga, yitwa "NCST" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imitunganyirize n'imikorere byayo.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Icyicaro cya NCST</u></p> <p>Icyicaro cya NCST kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.</p> <p>NCST ishobora kugira amashami ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Urwego ruyireberera.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure bya NCST</u></p> <p>NCST ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu miyoborere, mu mikorere no mu micungire</p>	<p>functioning as modified and complemented to date;</p> <p>ADOPTS:</p> <p>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p> <p>This Law establishes the National Council for Science and Technology, abbreviated as "NCST". It also determines its mission, organization and functioning.</p> <p><u>Article 2: Head office of NCST</u></p> <p>The head office of NCST is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.</p> <p>NCST may establish branches elsewhere in Rwanda if considered necessary, in order to fulfil its mission, upon approval by its supervising authority.</p> <p><u>Article 3: Legal personality and autonomy of NCST</u></p> <p>NCST has legal personality, enjoys administrative and financial autonomy and is governed in accordance with relevant laws.</p>	<p>organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour;</p> <p>ADOPTE :</p> <p>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</p> <p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p> <p>La présente loi porte création du Conseil National de la Science et de la Technologie, dénommé «NCST » en sigle anglais. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.</p> <p><u>Article 2: Siège de NCST</u></p> <p>Le siège de NCST est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. Il peut être transféré en tout autre lieu du Rwanda en cas de nécessité.</p> <p>NCST peut établir des branches en tout autre lieu du Rwanda en cas de nécessité, pour s'acquitter de sa mission, sur approbation de son autorité de tutelle.</p> <p><u>Article 3: Personnalité juridique et autonomie de NCST</u></p> <p>NCST est doté de la personnalité juridique, jouit de l'autonomie administrative et financière et est géré conformément à la législation en la matière.</p>
---	--	--

<p>y'umutungo n'abakozi byayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Intego ya NCST</u></p> <p>NCST ifite intego yo gutuma u Rwanda ruhinduka Igihugu gishingira ku bumenyi, ikoranabuhanga no guhanga ibintu bishya, kikabikoresha mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage n'iterambere rirambye ry'ubukungu bw'Igihugu n'ihiganwa ku masoko.</p> <p><u>UMUTWE WA II: URWEGO RUREBERERA NCST N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO</u></p> <p><u>Ingingo ya 5: Urwego rureberera NCST</u></p> <p>NCST irebererwa na Perezidansi ya Repubulika.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Amasezerano y'imihigo</u></p> <p>NCST ikorera ku masezerano y'imihigo.</p> <p>Uburyo NCST ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.</p>	<p><u>Article 4: Mission of NCST</u></p> <p>The mission of NCST is to enable Rwanda to become a country based on science, technology and innovation, as tools for promoting social welfare and sustainable economic development of the country and competitiveness on market.</p> <p><u>CHAPITRE II: SUPERVISING AUTHORITY OF NCST AND PERFORMANCE CONTRACT</u></p> <p><u>Article 5:Supervising authority of NCST</u></p> <p>NCST is supervised by the Office of the President of the Republic.</p> <p><u>Article 6:Performance contract</u></p> <p>NCST operates on the basis of a performance contract.</p> <p>Modalities for conclusion and evaluation of performance contract of NCST are determined by relevant laws.</p>	<p><u>Article 4: Mission de NCST</u></p> <p>La mission de NCST est de permettre au Rwanda de devenir un pays basé sur la science, la technologie et l'innovation, en tant qu'outils de promotion du bien-être social, du développement économique durable et de la compétitivité sur les marchés.</p> <p><u>CHAPITRE II: AUTORITE DE TUTELLE DE NCST ET CONTRAT DE PERFORMANCE</u></p> <p><u>Article 5:Autorité de tutelle de NCST</u></p> <p>NCST est placé sous la tutelle de la Présidence de la République.</p> <p><u>Article 6 : Contrat de performance</u></p> <p>NCST fonctionne sur base d'un contrat de performance.</p> <p>Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de NCST sont déterminées conformément à la législation en la matière.</p>
---	--	--

UMUTWE WA III: INSHINGANO ZA NCST	CHAPTER III: RESPONSIBILITIES OF NCST	CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS DE NCST
<p><u>Ingingo ya 7: Inshingano za NCST</u></p>	<p><u>Article 7: Responsibilities of NCST</u></p>	<p><u>Article 7: Attributions de NCST</u></p>
<p>NCST ifite inshingano z’ingenzi zikurikira:</p>	<p>NCST has the following main responsibilities:</p>	<p>NCST a les attributions principales suivantes:</p>
<p>1° kugira inama Guverinoma mu bijyanye na politiki, amategeko n’igenzura mu byerekeye ubumenyi, ikoranabuhanga, ubushakashatsi no guhanga ibintu bishya kandi igakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’izo politiki n’amategeko;</p>	<p>1° to advise the Government on policies, legislation and regulation in the fields of science, technology, research and innovation and monitor the implementation of such policies and legislation;</p>	<p>1° conseiller le Gouvernement en matière de politiques, de législation et de réglementation dans le domaine de la science, de la technologie, de la recherche et de l’innovation et faire le suivi de la mise en application de ces politiques et législation;</p>
<p>2° kugira inama Guverinoma mu kugena ibikorwa byihutirwa ku rwego rw’Igihugu mu rwego rw’ubumenyi, guhanga ibintu bishya, ikoranabuhanga, ubushakashatsi n’iterambere ndetse n’uburyo ibyo bikorwa byaterwa inkunga;</p>	<p>2° to advise the Government on setting national priorities in the fields of science, innovation, technology, research and development as well as modalities for financing such activities;</p>	<p>2° conseiller le Gouvernement en matière de priorités nationales dans le domaine de la science, de l’innovation, de la technologie, de la recherche et du développement ainsi que les modalités de financement de ces activités;</p>
<p>3° kugaragaza no guteza imbere ibyiciro by’imirimo bishya bisaba imbaraga n’ingamba zihariye mu guhanga ibintu bishya hashingiwe ku ikoranabuhanga n’ubushakashatsi bwagirira Igihugu akamaro;</p>	<p>3° to identify and promote new sectors of activities that require special means and measures for innovation through technology and research essential for the country;</p>	<p>3° identifier et promouvoir des nouveaux secteurs d’activités qui requièrent des moyens et mesures spéciaux en vue de l’innovation par le biais de la technologie et de la recherche essentielles pour le pays;</p>
<p>4° gukora isesengura ku miterere n’imikoreshereze myiza by’umutungo n’ibikorwa remezo by’Igihugu, hagamijwe gushyigikira ubumenyi n’ikoranabuhanga n’uburyo bikoreshwa mu guhanga ibintu bishya mu buryo burambye;</p>	<p>4° to carry out an analysis of the nature and efficient use of national resources and infrastructures in order to support science and technology as well as their innovative use in a sustainable manner;</p>	<p>4° mener une analyse sur la nature et sur l’utilisation efficace des ressources et des infrastructures nationales en vue de soutenir la science et la technologie dans leur utilisation innovatrice de façon durable;</p>

<p>5° gushyiraho amabwiriza agenga ubumenyi, guhanga ibintu bishya mu ikoranabuhanga n’ubushakashatsi;</p> <p>6° gushaka inkunga no gucunga ikigege cy’Igihugu cy’ubushakashatsi no guhanga ibintu bishya;</p> <p>7° guteza imbere ibikorwa bimenyekanisha ubumenyi n’ikoranabuhanga muri sosiyeti;</p> <p>8° gutegura no kumenyekanisha raporo y’umwaka ku miterere y’ubumenyi n’ikoranabuhanga;</p> <p>9° gushyikirana no gukorana n’ibindi bigo byateye imbere byo mu rwego rw’akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshingano.</p>	<p>5° to regulate science, technology innovation and research;</p> <p>6° to mobilize funds and manage the National Research and Innovation Fund;</p> <p>7° to promote science and technology community outreach activities;</p> <p>8° to prepare and disseminate annual report on the status of science and technology;</p> <p>9° to cooperate and collaborate with other advanced regional and international institutions of excellence with similar mission.</p>	<p>5° régler la science, l’innovation technologique et la recherche;</p> <p>6° mobiliser les ressources financières et gérer le Fond National de Recherche et d’Innovation;</p> <p>7° promouvoir les activités de diffusion de la science et de la technologie dans la société;</p> <p>8° préparer et diffuser le rapport annuel sur l’état de la science et la technologie;</p> <p>9° coopérer et collaborer avec d’autres institutions de renom au niveau régional et international ayant une mission similaire.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: IMITUNGANYIRIZE N’IMIKORERE BYA NCST</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF NCST</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NCST</u></p>
<p><u>Ingingo ya 8: Inzego z’Ubuyobozi za NCST</u></p>	<p><u>Article 8: Management Organs of NCST</u></p>	<p><u>Article 8: Organes de direction de NCST</u></p>
<p>NCST igizwe n’inzego z’ubuyobozi zikurikira:</p>	<p>NCST is comprised of the following management organs:</p>	<p>NCST est doté des organes de direction suivants:</p>
<p>1° Inama y’Abajyanama;</p> <p>2° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.</p>	<p>1° the Council;</p> <p>2° the Executive Secretariat.</p>	<p>1° le Conseil;</p> <p>2° le Secrétariat Exécutif.</p>

<p>Kugira ngo NCST ishobore kurangiza neza inshingano zayo, Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa.</p>	<p>In order for NCST to fulfil its mission, a Prime Minister's Order may determine other relevant organs.</p>	<p>En vue de la réalisation de la mission de NCST, un Arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires.</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Abajyanama</u></p>	<p><u>Section One: Council</u></p>	<p><u>Section première: Le Conseil</u></p>
<p><u>Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Abajyanama ya NCST</u></p>	<p><u>Article 9: Members of the Council of NCST</u></p>	<p><u>Article 9: Membres du Conseil de NCST</u></p>
<p>Abagize Inama y'Abajyanama barimo Abaperezida babiri, Abajyanama n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.</p>	<p>Members of the Council including two Co-Chairpersons, Councillors and the Executive Secretary of NCST are appointed by a Presidential Order.</p>	<p>Les membres du Conseil comprenant deux Présidents, des Conseillers et le Secrétaire Exécutif de NCST sont nommés par Arrêté Présidentiel.</p>
<p>Abagize Inama y'Abajyanama batoranywa mu nzego za Leta n'iz'abikorera baba Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga bari mu Rwanda cyangwa hanze yarwo.</p>	<p>Members of the Council are selected from the public and private sector and may be Rwandan nationals or foreign living in Rwanda or abroad.</p>	<p>Les membres du Conseil sont choisis au sein d'institutions publiques et privées et peuvent être des Rwandais ou des étrangers vivant au Rwanda ou à l'étranger.</p>
<p>Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Abajyanama bagomba kuba ari abagore.</p>	<p>At least thirty per cent (30%) of the members of the Council must be females.</p>	<p>Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil doivent être de sexe féminin.</p>
<p>Umubare w'abagize Inama y'Abajyanama ya NCST, igihe bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'Iteka rya Perezida.</p>	<p>The number of councillors of NCST, their terms of office and modalities of their replacement are determined by a Presidential Order.</p>	<p>Le nombre de conseillers de NCST, leur mandat et les modalités de leur remplacement sont régis par Arrêté Présidentiel.</p>
<p><u>Ingingo ya 10: Inshingano z'Inama y'Abajyanama</u></p>	<p><u>Article 10: Responsibilities of the Council</u></p>	<p><u>Article 10: Attributions du Conseil</u></p>
<p>Inama y'Abajyanama ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gutanga umurongo ngenderwaho wa NCST;</p>	<p>The Council has the following responsibilities:</p> <p>1° to establish the guidelines of NCST;</p>	<p>Le Conseil a les attributions suivantes:</p> <p>1° fixer la ligne directrice de NCST;</p>

<p>2° gutanga inama zituma NCST igera ku nshingano zayo;</p> <p>3° kugena ibyiciro by'imirimo bigomba kwitabwaho cyane mu mikoreshereze y'ubumenyi n'ikoranabuhanga;</p> <p>4° kwemeza raporo, igenamigambi na gahunda y'ibikorwa bya NCST;</p> <p>5° kwemeza amategeko ngengamikorere ya NCST;</p> <p>6° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NCST;</p> <p>7° kuzuzura imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa NCST;</p> <p>8° gufata ibyemezo ku bindi bibazo byose byinjira mu murongo w'inshingano za NCST.</p>	<p>2° to provide advice that enables NCST to fulfil its mission;</p> <p>3° to determine the categories of activities to be given priority in the use of science and technology;</p> <p>4° to adopt the report, planning and action plan of NCST;</p> <p>5° to approve the Internal Rules and Regulations of NCST;</p> <p>6° to approve the draft budget proposal of NCST;</p> <p>7° to oversee the functioning of the Executive Secretariat of NCST;</p> <p>8° to take decisions on all other matters falling within the mission of NCST.</p>	<p>2° donner des conseils permettant à NCST d'accomplir sa mission;</p> <p>3° déterminer les catégories des activités devant être prioritaires dans l'utilisation de la science et de la technologie;</p> <p>4° adopter le rapport, la planification et le plan d'activités de NCST ;</p> <p>5° adopter le règlement d'ordre intérieur de NCST;</p> <p>6° adopter l'avant-projet de budget du NCST;</p> <p>7° superviser le fonctionnement du Secrétariat Exécutif de NCST ;</p> <p>8° prendre des décisions sur toutes les autres affaires relevant de la mission de NCST.</p>
<p><u>Ingingo ya 11: Inshingano za ba Perezida b'Inama y'Abajyanama</u></p> <p>Ba Perezida b'Inama y'Abajyanama bafite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gutumiza no kuyobora inama y'Inama y'Abajyanama no guhuza ibikorwa byayo;</p>	<p><u>Article 11: Responsibilities of Co-Chairpersons of the Council</u></p> <p>The Co-Chairpersons of the Council have the following responsibilities:</p> <p>1° to convene and chair the meeting of the Council and ensure the coordination of its activities;</p>	<p><u>Article 11: Attributions des Présidents du Conseil</u></p> <p>Les Présidents du Conseil ont les attributions suivantes :</p> <p>1° convoquer et présider la réunion du Conseil et assurer la coordination de ses travaux ;</p>

<p>2° gushyikiriza inyandikomvugo z'inama y'Inama y'Abajyanama ya NCST urwego ruyireberera;</p> <p>3° gushyikiriza raporo za NCST zemejwe n'Inama y'Abajyanama inzego bireba;</p> <p>4° gukurikirana ishkirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abajyanama;</p> <p>5° gukora indi mirimo basabwa n'Inama y'Abajyanama iri mu nshingano za NCST.</p>	<p>2° to transmit the verbatim reports of the meetings of NCST Council to its supervising authority;</p> <p>3° to transmit the reports of NCST as approved by the Council, to the relevant organs;</p> <p>4° to monitor implementation of the Council's decisions;</p> <p>5° to perform any other duties as may be assigned by the Council falling in line with NCST responsibilities.</p>	<p>2° transmettre les procès-verbaux des réunions du Conseil de NCST à son autorité de tutelle;</p> <p>3° transmettre les rapports de NCST, approuvés par le Conseil, aux organes concernés ;</p> <p>4° faire le suivi de l'exécution des décisions du Conseil ;</p> <p>5° effectuer d'autres tâches que le Conseil peut leur assigner qui relèvent des attributions de NCST.</p>
<p><u>Ingingo ya 12: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Abajyanama</u></p>	<p><u>Article 12: Incompatibilities with membership of the Council</u></p>	<p><u>Article 12: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil</u></p>
<p>Abagize Inama y'Abajyanama, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, ntibemerewe gupiganira amasoko atangwa na NCST.</p>	<p>Members of the Council are, either individually or companies in which they hold shares, not allowed to bid for tenders of NCST.</p>	<p>Les membres du Conseil, soit individuellement, soit les sociétés dont ils sont actionnaires, ne sont pas autorisés à soumissionner aux marchés de NCST.</p>
<p>Uretse Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST, abagize Inama y'Abajyanama ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri NCST.</p>	<p>Except for the Executive Secretary of NCST, members of the Council are not allowed to perform any remunerated activity within NCST.</p>	<p>A l'exception du Secrétaire Exécutif de NCST, les membres du Conseil ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de NCST.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Abajyanama</u></p>	<p><u>Article 13: Convening and holding of meetings of the Council</u></p>	<p><u>Article 13: Convocation et tenue des réunions du Conseil</u></p>
<p>Inama y'Inama y'Abajyanama iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe. Itumizwa kandi ikayoborwa na ba Perezida bayo</p>	<p>The Council meets in an ordinary session once a year and in an extraordinary session whenever necessary. It is convened and chaired by its Co-Chairpersons following their mutual</p>	<p>Le Conseil se réunit en session ordinaire une fois par an et en session extraordinaire chaque fois que de besoin. Il est convoqué et dirigé par ses Présidents selon leur consentement mutuel de leur</p>

Official Gazette n° 34 of 21/08/2017

<p>babyumvikanyeho babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.</p> <p>Iyo umwe adahari, undi arayitumiza akanayiyobora.</p> <p>Ubutumire bw'inama isanzwe bukorwa mu nyandiko, bukagezwa ku bagize Inama y'Abajyanama hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) kugira ngo inama iterane.</p> <p>Icyakora, inama idasanzwe itumirwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko iterana.</p> <p>Iyo bibaye ngombwa, bitewe n'ibibazo birebana n'ibyiciro byihariye, ba Perezida b'Inama y'Abajyanama, bashobora gutumiza inama y'abayigize icyiciro cyihariye. Imyanzuro y'iyo nama ishyikirizwa abagize Inama y'Abajyanama kugira ngo iyemeze.</p> <p>Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Abajyanama iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.</p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa yitabira inama z'Inama y'Abajyanama, ariko igihe cyo gufata ibyemezo ntatora.</p>	<p>assent upon their initiative or upon a written request of one-third (1/3) of its members.</p> <p>In the absence of either one of them, the meeting is convened and chaired by the Chairperson who is present.</p> <p>The invitation to the ordinary meeting is made in writing and transmitted to members of the Council at least fifteen (15) days before the meeting is held.</p> <p>However, the extraordinary meeting is convened in writing at least seven (7) days before the meeting is held.</p> <p>Where necessary, depending on issues of specific fields, the Co-Chairpersons of the Council may convene a meeting of members in a specific field. The resolutions of such a meeting are submitted to members of the Council for approval.</p> <p>The quorum required for the Council's meeting is two thirds (2/3) of members. However, in case the meeting is convened for the second time, the quorum is not required.</p> <p>The Executive Secretary attends Council's meetings with no voting rights.</p>	<p>initiative ou sur la demande écrite d'un tiers (1/3) de ses membres.</p> <p>En l'absence de l'un des Présidents, la réunion est convoquée et présidée par le Président présent.</p> <p>L'invitation à la réunion ordinaire est adressée par écrit et doit parvenir aux membres du Conseil au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins sept (7) jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>En cas de nécessité, suite aux questions relevant des domaines particuliers, les Présidents du Conseil peuvent convoquer une réunion des membres d'un domaine particulier. Les résolutions de cette réunion sont soumises aux membres du Conseil pour approbation.</p> <p>Le quorum requis pour la tenue de la réunion du Conseil est de deux tiers (2/3) des membres. Toutefois, si la réunion est convoquée pour la deuxième fois le quorum n'est pas exigé.</p> <p>Le Secrétaire Exécutif assiste aux réunions du Conseil sans voix délibérative.</p>
--	--	---

<p>Uburyo Inama y'Abajyanama ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya NCST.</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Itumira mu nama z'Inama y'Abajyanama ry'umuntu ushobora kuyungura inama</p> <p>Ba Perezida b'Inama y'Abajyanama bashobora gutumira mu nama undi muntu wese w'inzobere ushobora kuyungura ibitekerezo ku ngingo iri ku murongo w'ibygwa.</p> <p>Uwatumiwe ntiyemerewe kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Umwanditsi w'Inama y'Abajyanama</p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST ni we mwanditsi w'inama z'Inama y'Abajyanama.</p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST ntajya mu nama zifata ibyemezo ku kibazo bimureba. icyo gihe, abagize Inama y'Abajyanama bitabiriye inama bitoramo umwanditsi.</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Inyungu bwite ku kibazo gisuzumwa</p> <p>Iyo uri mu bagize Inama y'Abajyanama afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye ku kibazo gisuzumwa, agomba kumenyeshya bidatinze Inama y'Abajyanama, aho inyungu ze zishingiye.</p>	<p>Modalities for the Council to take decisions are determined by the internal rules and regulations of NCST.</p> <p><u>Article 14:</u> Inviting a resource person to the Council's meetings</p> <p>The Co-Chairpersons of the Council may invite to the meeting any resource person from whom it may seek advice on any item on the agenda.</p> <p>The invited person has no voting right and cannot participate in the consideration of other items on the agenda.</p> <p><u>Article 15:</u> Rapporteur of the Council</p> <p>The Executive Secretary of NCST is the rapporteur of Council's meetings.</p> <p>The Executive Secretary of NCST does not attend meetings considering issues in which he or she is involved. In this case, members of the Council choose from among themselves a rapporteur.</p> <p><u>Article 16:</u> Personal interest in an issue on the agenda</p> <p>When a member of the Council has a direct or indirect interest in the issue to be examined, he/she must immediately inform the Council about where his/her interest lies. The member</p>	<p>Les modalités de prise de décisions du Conseil sont déterminées par le Règlement d'ordre intérieur de NCST.</p> <p><u>Article 14:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil</p> <p>Les Présidents du Conseil peuvent inviter à la réunion toute personne ressource susceptible d'être consultée sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour.</p> <p>La personne ainsi invitée n'a pas de voix délibérative et ne peut participer à l'examen d'autres points inscrits à l'ordre du jour.</p> <p><u>Article 15:</u> Rapporteur du Conseil</p> <p>Le Secrétaire Exécutif de NCST est le rapporteur des réunions du Conseil.</p> <p>Le Secrétaire Exécutif de NCST n'assiste pas aux réunions délibérant sur des questions le concernant. Dans ce cas, les membres du Conseil choisissent parmi eux un rapporteur.</p> <p><u>Article 16:</u> Intérêt personnel dans un point à l'ordre du jour</p> <p>Lorsqu'un membre du Conseil a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il doit en informer immédiatement le Conseil et montrer où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de</p>
--	--	--

<p>Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo. Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Abajyanama bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye ku bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri ibyo bibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera NCST rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).</p>	<p>informing of interests in the issue to be examined cannot attend the meeting deliberating on that issue. When it is proved that many or all members of the Council have direct or indirect interest in the issue to be examined in such a way that it is impossible to take a decision on the issue, the issue is submitted to the supervising authority of NCST for a ruling thereon within thirty (30) days.</p>	<p>son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet. Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'autorité de tutelle de NCST afin de décider sur l'affaire dans un délai de trente (30) jours.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Ibigenerwa abagize Inama y'Abajyanama bitabiriye inama</u></p>	<p><u>Article 17: Sitting allowances for members of the Council</u></p>	<p><u>Article 17: Jetons de présence des membres du Conseil</u></p>
<p>Ibigenerwa abagize Inama y'Abajyanama bitabiriye inama z'Inama y'Abajyanama bigenwa n'Iteka rya Perezida.</p>	<p>Sitting allowances for members of the Council present in the meetings of the Council are determined by a Presidential Order.</p>	<p>Les jetons de présence des membres du Conseil présents aux réunions du Conseil sont déterminés par un Arrêté Présidentiel.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u></p>	<p><u>Section 2: Executive Secretariat</u></p>	<p><u>Section 2: Secrétariat Exécutif</u></p>
<p><u>Ingingo ya 18: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa NCST</u></p>	<p><u>Article 18: Members of the Executive Secretariat of NCST</u></p>	<p><u>Article 18: Membres du Secrétariat Exécutif de NCST</u></p>
<p>Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa NCST bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushyirwaho n'Iteka rya Perezida n'abandi bakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>The Executive Secretariat of NCST is comprised of the Executive Secretary appointed by a Presidential Order and other staff members recruited in accordance with relevant laws.</p>	<p>Le Secrétariat Exécutif de NCST est composé du Secrétaire Exécutif nommé par Arrêté Présidentiel et autres membres du personnel recrutés conformément à la législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u></p>	<p><u>Article 19: Responsibilities of the Executive Secretariat</u></p>	<p><u>Article 19: Attributions du Secrétariat Exécutif</u></p>
<p>Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa NCST bufite inshingano z'ingenzi zikurikira:</p>	<p>The Executive Secretariat of NCST has the following main responsibilities:</p>	<p>Le Secrétariat Exécutif de NCST a les attributions principales suivantes:</p>

<p>1° gushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inama y’Abajyanama ya NCST;</p> <p>2° gucunga abakozi n’umutungo bya NCST;</p> <p>3° gutegura no gushyikiriza Inama y’Abajyanama, imbanzirizamushinga y’amategeko ngengamikorere ya NCST;</p> <p>4° gukora undi murimo bwahabwa n’Urwego rureberera NCST uri mu nshingano zayo.</p>	<p>1° to implement the decisions of the Council of NCST;</p> <p>2° to ensure the management of the staff and property of NCST;</p> <p>3° to prepare and submit to the Council the draft proposal of Rules of procedure of NCST;</p> <p>4° to perform any other duty assigned by the Supervising organ of NCST which is within the responsibilities of NCST.</p>	<p>1° assurer la mise en œuvre des décisions du Conseil de NCST;</p> <p>2° assurer la gestion du personnel et du patrimoine de NCST;</p> <p>3° préparer et soumettre au Conseil l’avant-projet du Règlement d’ordre intérieur de NCST;</p> <p>4° effectuer toute autre tâche pouvant lui être assignée par l’autorité de tutelle de NCST et rentrant dans les attributions de NCST.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Inshingano z’Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST</u></p>	<p><u>Article 20: Responsibilities of the Executive Secretary of NCST</u></p>	<p><u>Article 20: Attributions du Secrétaire Exécutif de NCST</u></p>
<p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST afite inshingano zikurikira :</p>	<p>The Executive Secretary of NCST has the following responsibilities:</p>	<p>Le Secrétaire Exécutif de NCST a les attributions suivantes :</p>
<p>1° guhagararira NCST imbere y’amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;</p> <p>2° gutunganya no guhuza ibikorwa byose byo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa;</p> <p>3° gushyira mu bikorwa inshingano za NCST no gukurikirana imirimo ya buri muni ya NCST;</p> <p>4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inama y’Abajyanama;</p> <p>5° gucunga abakozi, ibikoresho n’umutungo bya NCST no gutanga raporo yabyo;</p>	<p>1° to serve as a legal representative of NCST and promote its activities;</p> <p>2° to organize and coordinate all activities of Executive Secretariat;</p> <p>3° to implement the responsibilities of NCST and coordinate daily activities of NCST;</p> <p>4° to implement the decisions of the Council;</p> <p>5° to ensure the management of the staff and property of NCST and submit its report ;</p>	<p>1° servir de représentant légal de NCST et promouvoir ses activités;</p> <p>2° organiser et coordonner toutes les activités du Secrétariat Exécutif;</p> <p>3° mettre en œuvre les attributions de NCST et coordonner ses activités quotidiennes;</p> <p>4° mettre en œuvre les décisions du Conseil;</p> <p>5° assurer la gestion du personnel et du patrimoine de NCST et en soumettre le rapport;</p>

Official Gazette n° 34 of 21/08/2017

<p>6° kuba umwanditsi w’Inama y’Abajyanama no kubika inyandiko za NCST;</p> <p>7° gutegura gahunda y’ibikorwa na raporo y’ibikorwa byemezwa n’Inama y’Abajyanama akabishyikiriza Inzego zibishinzwe;</p> <p>8° gutegura umushinga w’amategeko ngenamikorere ya NCST wemezwa n’Inama y’Abajyanama;</p> <p>9° gutegura imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya NCST;</p> <p>10° gushyira mu bikorwa ingengo y’imari ya NCST;</p> <p>11° gushyikirana n’ibigo cyangwa izindi nzego byo mu Gihugu no mu mahanga bihuje inshingano;</p> <p>12° gukora indi mirimo yose ijyanye n’inshingano ze yasabwa n’Inama y’Abajyanama.</p> <p>Inshingano z’abandi bakozi b’Urwego Nshingwabikorwa rwa NCST zigenwa n’Iteka rya Minisitiri w’Intebe.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Sitati igenga abakozi ba NCST</u></p> <p>Abakozi ba NCST bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta.</p>	<p>6° to act as rapporteur of the Council and ensure the filing of the documents of NCST;</p> <p>7° to prepare the action plan and report of activities to be approved by the Council and submitted to appropriate organs;</p> <p>8° to initiate the draft rules and procedures of NCST to be approved by the Council;</p> <p>9° to prepare the draft budget proposal of NCST;</p> <p>10° to execute the budget of NCST;</p> <p>11° to collaborate with other national or international organs with the same mission;</p> <p>12° to perform any other duties related to his/her responsibilities as may be assigned by the Council.</p> <p>Responsibilities of other employees of NCST’s Executive organ are determined by a Prime Minister’s Order.</p> <p><u>Article 21: Statute governing the staff of NCST</u></p> <p>The Staff of NCST is governed by the general statutes for public service.</p>	<p>6° servir de rapporteur du Conseil et assurer la conservation des documents de NCST;</p> <p>7° préparer le plan d’action et le rapport d’activités devant être approuvés par le Conseil et les soumettre aux organes concernés ;</p> <p>8° initier le projet de règlement d’ordre intérieur de NCST devant être approuvé par le Conseil ;</p> <p>9° préparer l’avant-projet de budget de NCST;</p> <p>10° exécuter le budget de NCST;</p> <p>11° collaborer avec d’autres organes tant nationaux qu’internationaux ayant les mêmes objectifs;</p> <p>12° effectuer toute autre tâche relevant de ses attributions que le Conseil peut lui assigner.</p> <p>Les attributions des autres employés de l’organe exécutif de NCST sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.</p> <p><u>Article 21: Statut du personnel de NCST</u></p> <p>Le personnel de NCST est régi par le statut général de la fonction publique.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 22: Umushahara n’ibindi bigenerwa abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u></p>	<p><u>Article 22: Salary and fringe benefits of the staff of the Executive Secretariat</u></p>	<p><u>Article 22: Salaire et avantages accordés au personnel du Secrétariat Exécutif</u></p>
<p>Umushahara n’ibindi bigenerwa abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa NCST biteganywa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>Salary and fringe benefits allocated to the staff of the Executive Secretariat of NCST are determined in accordance with relevant laws.</p>	<p>Le salaire et avantages accordés au personnel du Secrétariat Exécutif de NCST sont déterminés conformément à la législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 23: Imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo ya NCST</u></p>	<p><u>Article 23: Organisational chart of NCST</u></p>	<p><u>Article 23: Cadre organique de NCST</u></p>
<p>Imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo ya NCST ishyirwaho n’Iteka rya Perezida.</p>	<p>The organisational chart of NCST is determined by a Presidential Order.</p>	<p>La cadre organique de NCST est déterminé par arrêté présidentiel.</p>
<p><u>Ingingo ya 24: Gahunda na raporo by’ibikorwa bya NCST</u></p>	<p><u>Article 24: Action plan and activity report of NCST</u></p>	<p><u>Article 24: Plan d’action et rapport d’activités de NCST</u></p>
<p>NCST ishyikiriza, buri mwaka n’igihe cyose bibaye ngombwa, Perezidansi ya Repubulika gahunda na raporo by’ibikorwa byerekeranye n’inshingano zayo.</p>	<p>NCST submits, every year and whenever necessary to the Office of the President of the Republic, the action plan and activity report related to its mission.</p>	<p>NCST soumet, chaque année et chaque fois que de besoin à la Présidence de la République, le plan d’action et le rapport d’activités relatifs à sa mission.</p>
<p><u>Ingingo ya 25: Imikoranire ya NCST n’izindi Nzego</u></p>	<p><u>Article 25: Relationship between NCST and other organs</u></p>	<p><u>Article 25: Relations entre NCST et d’autres organes</u></p>
<p>NCST ikorana n’Inzego za Leta n’iz’abikorera mu bikorwa biyifasha kugera ku nshingano zayo.</p>	<p>NCST collaborates with public and private organs in activities that help to fulfil its mission.</p>	<p>NCST collabore avec les organes publics et privés dans des activités qui l’aident à accomplir sa mission.</p>
<p><u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO N’IMARI BYA NCST</u></p>	<p><u>CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF NCST</u></p>	<p><u>CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCE DE NCST</u></p>
<p><u>Ingingo ya 26: Umutungo wa NCST n’inkomoko yawo</u></p>	<p><u>Article 26: Property of NCST and its sources</u></p>	<p><u>Article 26: Patrimoine de NCST et ses sources</u></p>
<p>Umutungo wa NCST ugizwe n’ibintu byimukanwa n’ibitimukanwa.</p>	<p>The property of NCST comprises movables and immovables.</p>	<p>Le patrimoine de NCST comprend des biens meubles et immeubles.</p>

<p>Umutungo wa NCST ukomoka kuri ibi bikurikira:</p> <p>1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;</p> <p>2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;</p> <p>3° ibituruka ku mirimo ikora;</p> <p>4° inyungu ku mutungo wayo;</p> <p>5° inguzanyo zihabwa NCST zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;</p> <p>6° impano n'indagano.</p>	<p>The property of NCST comes from the following sources:</p> <p>1° State budget allocations;</p> <p>2° State or partners' subsidies;</p> <p>3° income from services rendered;</p> <p>4° interests from its property;</p> <p>5° loans granted to NCST and approved by the Minister in charge of finance;</p> <p>6° donations and bequests.</p>	<p>Le patrimoine de NCST provient des sources suivantes:</p> <p>1° dotations budgétaires de l'Etat;</p> <p>2° subventions de l'Etat ou des partenaires;</p> <p>3° produits des services prestés;</p> <p>4° revenus de son patrimoine;</p> <p>5° les prêts accordés à NCST approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;</p> <p>6° dons et legs.</p>
<p><u>Ingingo</u> _____ <u>ya</u> _____ <u>27:</u> _____ <u>Iyemezwa</u> _____ <u>ry'imbanzirizamushinga y'ingengo y'Imari ya</u> _____ <u>NCST</u></p>	<p><u>Article 27: Approval of the draft budget proposal of NCST</u></p>	<p><u>Article 27: Adoption de l'avant projet de budget de NCST</u></p>
<p>NCST itegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha kandi iyo ngengo y'imari igakoresha hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>NCST prepares its annual budget proposal that is approved by the competent organ and that budget is executed in accordance with relevant laws.</p>	<p>NCST prépare son avant-projet de budget annuel qui est approuvé par l'organe compétent et ce budget est exécuté conformément à la législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 28: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NCST</u></p>	<p><u>Article 28: Use, management and audit of the property of NCST</u></p>	<p><u>Article 28: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de NCST</u></p>
<p>Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NCST bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>The use, management and audit of the property of NCST are carried out in accordance with relevant laws.</p>	<p>L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de NCST sont effectués conformément à la législation en la matière.</p>
<p>Ubugenzuzi bwite bwa NCST bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa</p>	<p>The internal audit of NCST which is responsible for daily audit of the property of</p>	<p>Le service d'audit interne chargé de l'audit journalier du patrimoine de NCST transmet son</p>

<p>NCST buha raporo Inama y'Abajyanama bukagenera kopi Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST.</p>	<p>NCST submits a report to the Council with a copy to the Executive Secretary of NCST.</p>	<p>rapport au Conseil et réserve une copie au Secrétaire Exécutif de NCST.</p>
<p><u>Ingingo ya 29: Raporo y'umwaka w'ibaruramari</u></p>	<p><u>Article 29: Annual financial report</u></p>	<p><u>Article 29: Rapport annuel financier</u></p>
<p>Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCST ashyikiriza urwego rureberera NCST raporo y'umwaka w'ibaruramari hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungu bya Leta.</p>	<p>Within three (3) months following the closure of the financial year, the Executive Secretary of NCST submits the annual financial report to the supervising authority of NCST in accordance with laws governing the management of State finance and property.</p>	<p>Endéans trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le Secrétaire Exécutif de NCST transmet à l'autorité de tutelle de NCST le rapport annuel financier conformément à la législation régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'Etat.</p>
<p><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 30: Agaciro k'ibyakozwe</u></p>	<p><u>Article 30: Validity of undertaken actions</u></p>	<p><u>Article 30: Validité des actes posés</u></p>
<p>Ibyakozwe na NCST yashyizweho n'itegeko n° 80/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu bigumana agaciro kabyo.</p>	<p>Actions undertaken by NCST established by Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology and determining its mission, organization and functioning as modified and complemented to date remain valid.</p>	<p>Les actes posés par NCST créée par la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour restent valables.</p>
<p><u>Ingingo ya 31: Kwegurirwa abakozi</u></p>	<p><u>Article 31: Transfer of staff members</u></p>	<p><u>Article 31: Transfert du personnel</u></p>
<p>Abakozi bari aba Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) yashyizweho n'itegeko n° 80/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo nk'uko</p>	<p>Former staff members of the National Commission of Science and Technology (NCST) established by Law N° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology and determining its mission, organization and</p>	<p>Les anciens membres du personnel de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie créée par la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie et déterminant ses missions, son organisation et son</p>

<p>ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, beguriwe NCST ishyizweho n'iri tegeko hashingiye ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimu.</p> <p><u>Ingingo ya 32:</u> Kwegurirwa umutungo n'amasezerano</p> <p>Umutungo wimukanwa, utimukanwa, ibikorwa, imyenda n'amasezerano bya NCST yashyizweho n'Itegeko n° 80/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinze Ubumenyi n'Ikoranabuhanga rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, byeguriwe NCST ishyizweho n'iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 33:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 34:</u> Ivanwaho ry'Itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</p> <p>Itegeko n° 80/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinze Ubumenyi n'Ikoranabuhanga rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu hamwe n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p>	<p>functioning as modified and complemented to date, are transferred to NCST established under this Law in accordance with the organisational structure.</p> <p><u>Article 32:</u> Transfer of property and contracts</p> <p>Movable and immovable assets, activities, liabilities and contracts of NCST established by Law n°80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology and determining its mission, organization and functioning as modified and complemented to date, are hereby transferred to NCST established under this Law.</p> <p><u>Article 33:</u> Drafting, consideration and adoption of this law</p> <p>This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 34:</u> Repealing provision</p> <p>Law n°80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology and determining its mission, organization and functioning as modified and complemented to date and all other prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p>	<p>fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour, sont transférés à NCST créé en vertu de la présente loi conformément à la structure organisationnelle.</p> <p><u>Article 32:</u> Transfert du patrimoine et de contrats</p> <p>Les biens meubles et immeubles, les activités, le passif et les contrats de NCST créé par la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour, sont transférés au NCST créé en vertu de la présente loi.</p> <p><u>Article 33:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</p> <p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 34:</u> Disposition abrogatoire</p> <p>La Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p>
---	--	---

Official Gazette n° 34 of 21/08/2017

<p>Ingingo ya 35: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>Article 35: Commencement</p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Article 35: Entrée en vigueur</p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa 16/08/2017</p> <p>(sé)</p> <p>KAGAME Paul Perezida wa Repubulika</p>	<p>Kigali, on 16/08/2017</p> <p>(sé)</p> <p>KAGAME Paul President of the Republic</p>	<p>Kigali, le 16/08/2017</p> <p>(sé)</p> <p>KAGAME Paul Président de la République</p>
<p>(sé)</p> <p>MUREKEZI Anastase Minisitiri w'Intebe</p>	<p>(sé)</p> <p>MUREKEZI Anastase Prime Minister</p>	<p>(sé)</p> <p>MUREKEZI Anastase Premier Ministre</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/ Garde des sceaux</p>